CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
**Secrétariat Général**
**B.P. 357** Kigali / Rwanda
**Tél.** : (+250) 252 575 439
E-mail : eglisecatholiquerwanda@gmail.com

# ITANGAZO RISOZA IMIRIMO Y'INTEKO RUSANGE Y'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA MU RWANDA YATERANIYE I KIGALI KUVA KU ITARIKI 29 UGUSHYINGO KUGEZA KU YA 2 UKUBOZA 2023

Guhera tariki ya 29 Ugushyingo kugera ku ya 2 Ukuboza 2023, Inteko rusange y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yateraniye ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda i Kigali. Imirimo y'Inteko rusange y'168 yayobowe na Nyiricyubahiro Antoni Karidinali KAMBANDA, Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida w'Inama y'Abepiskopi. Yayitangije n'isengesho bisunze Umubyeyi Bikira Mariya, Nyina wa Jambo, Umwamikazi wa Kibeho.

Umuhango wo gutangiza imirimo y'iyi Nteko rusange witabiriwe kandi na Nyiricyubahiro Musenyeri Arnaldo CATALAN, Intumwa ya Papa mu Rwanda, aherekejwe n'Umunyamabanga, Padiri Tomasz Henryk GDULA. Abepiskopi bakiriye kandi bagenzi babo ubu bari mu kiruhuko cy'iza bukuru kugira ngo bifurizanye adventi ntagatifu, Noheli nziza n'umwaka mushya muhire 2024.

Mu ijambo ryo gutangiza imirimo y'iyi Nteko, Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda yashimiye abayitumiwemo bose kuba bayitabiriye. Yishimiye kubaha ikaze no kubifuriza kugubwa neza no kuzagira imirimo myiza. Mu ijambo rye, Intumwa ya Papa mu Rwanda yibanze ku cyiciro cya mbere cya Sinodi y'Abepiskopi ku "*kugendera hamwe*" kizakomeza kunonosorwa no mu cyiciro cya kabiri mu Ukwakira 2024. Yanashimangiye ubwiza n'umugisha biri mu muhamagaro wo kwiyegurira Imana n'uwo kwibumbira mu matsinda agamije gusenga no kwitagatifuriza hamwe mu buryo bwateganyijwe kandi bugasobanurwa n'amategeko ya Kiliziya, Umubyeyi wacu.

Umuyobozi w'Inteko Rusange y'Abepiskopi mu Rwanda yaboneyeho kubamurikira gahunda yose uko yakabaye bityo bafatanya kuyemeza bidasubirwaho. Hakurikiyeho kugezanyaho iby'ingenzi mu byaranze ubutumwa bwa buri Mwepiskopi hagati ya Nzeli n'Ugushyingo 2023. Umunsi wa mbere wasojwe no kunoza inzira ihamye yo gushyigikira RIM, Ikigo cy'imari iciriritse, kugira ngo irusheho gukomera no guteza imbere abayibitsamo n'abayifatamo inguzanyo bose.

Imirimo y'iyi Nteko rusange yasuzumye ibibazo inabishakira ibisubizo ndetse yagennye bimwe mu bikorwa by'iyogezabutumwa byihutirwa n'imigambi yihariye iteganya kunoza no gushyira mu bikorwa mu gihe kiri imbere. Yibanze ku gusuzuma inkingi z'ingenzi mu ikenurabushyo, mu gusangira ubuzima bushibuka ku butumwa busohozwa hirya no hino no mu kungurana ibitekerezo.

**GUSUZUMA**

1. Basuzumye akarusho twavanye mu gukomatanya incamake y'ibyakozwe mu magambo no mu ibaruramari, ni ukuvuga imigendekere y'ibikorwa n'ikiguzi cyabigiyeho nk'uko byagaragajwe

muri nzeri 2023. Inteko yasanze ari byiza cyane kuko bitanga ishusho yuzuye. Yahise igena ko ubutaha abatanga raporo bazongererwa igihe kugira ngo bazitange batuje, zisesengurwe ndetse zunganirwe.

2. Gusuzuma no kugena bundi bushya igihe (*mandat*) kigenerwa abanyamabanga ba za Komisiyo z'Abepiskopi n'abayobozi b'amashami y'imirimo mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda.
3. Gusuzuma imyigire n'imyigishirize mu maseminari makuru no kugena ibigomba kwitabwaho by'umwihariko kugira ngo haboneke ubwunganizi buhamye kandi buhoraho.
4. Gusuzuma urugendo n'inzira yo kwigira (*autoprise en charge*) amaparuwasi yatangiye n'uburyo byakomeza kandi bigashimangire ubuyoboke bw'abakristu ari na ko byongerera imbaraga ikenurabushyo rusange.

**GUSANGIRA**

5. Basangiye imigendekere n'imbuto z'icyiciro cya mbere dusoje cya Sinodi y'Abepiskopi yabereye i Roma guhera ku wa 4 kugeza ku wa 29 Ukwakira 2023. Twasanze hari amasomo menshi kidusigiye tuzifashisha twivugurura mu gutega amatwi Roho Mutagatifu n'abantu bityo ingabire y'ubushishozi ikiyongera, n'umwete wo kugendera hamwe koko ukagaragara.
6. Bagejejweho aho imyiteguro ya yubile z'impurirane zo mu mwaka w'2025 igeze. Babonye aho imyiteguro igeze hashimishije kandi buri mukristu wese arararitswe nk'uko ibaruwa y'Abipeskopi izasomwa ku cyumweru cya mbere cya adventi, ku wa 3 Ukuboza 2023 izadufasha kwinjira mu ngabire za Yubile ziri imbere.
7. Bakurikiranye uko imirimo y'Urukiko rwa Kiliziya ruhuriweho n'Amadiyosezi yose ihagaze babonerahو no gutangiza ku mugaragaro umwaka w'ubucamanza muri Kiliziya y'u Rwanda.
8. Bagiranye kandi ubusabane n'abahagarariye Abiyeguriyimana mu Rwanda, basangira ibyishimo n'imvune mu butumwa basangiye. Barabashimiye, babagira inama kandi babizeza ubufatanye buhamye.

**KUNGURANA IBITEKEREZO**

9. Bunguranye ibitekerezo ku Ngoro ya Bikira Mariya i Kibeho nk'amahirwe y'isi yose hagamijwe kuyiteza imbere kugira ngo ibashe gufasha uko bikwiye abahakorera ingendo nyobokamana bose.
10. Bunguranye ibitekerezo ku bikubiye mu **« Gihango nyarwanda mu burezi »** (*Pacte Educatif Rwandais*) dukomora ku **« Gihango rusange mu burezi »** (*Pacte Educatif Global*) dukesha Papa Fransisko guhera mu mwaka w'2019.
11. Bunguranye ibitekerezo na none ku buryo ibitabo byagiye bishyirwa mu kinyarwanda byanozwa bikanacapishwa nka kimwe mu bikorwa byaranga ihimbazwa rya Yubile y'imyaka 125 Ivanjili yamamajwe mu Rwanda.
12. Bunguranye ibitekerezo ku bigikenewe kunozwa kugira ngo inyubako iri ku Ruyenzi yuzure neza kandi ikoreshwe bidatinze.
13. Bakiriye itsinda ry'i Roma ry'abashinzwe uburenganzira bw'abana bungurana ibitekerezo ku buryo bafatanya na Kiliyiya Gatolika mu Rwanda kurengera abanyantegenke no guhugura abazafasha abandi mu buzima busanzwe bw'umuhamagaro n'ubutumwa.

14. Bunguranye ibitekerezo na Komisiyo y'ikenurabushyo rusange ku myitwarire ikeneye kumurikirwa m'ivanjili, kongera umubare w'abayigize no gukomeza kwigira hamwe inzira inoze yo gufasha abakristu bose no kunganira abagitaguza n'abahuzagurika.

Mu gusoza imirimo y'Inteko rusange y'168, dore imwe mu myanzuro yayifatiwemo:

i. Inteko rusange idasanzwe izateranira ku cyicaro cy'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda ku wa 4 Mutarama 2024.
ii. Inteko rusange yakiriye kandi yemeza icyifuzo cy'urubyiruko cyo kujya basimbuzanya forumu n'urugendo nyobokamana i Kibeho ku buryo buri kimwe cyajya gikorwa rimwe mu myaka ibiri.
iii. Kuvugurura imiterere n'ingano y'igihe (*mandat*) kigenewe abanyamabanga ba za Komisiyo z'Abepiskopi n'abayobozi b'amashami y'imirimo mu Nama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda bizagezwa ku nzego bireba mu nyandiko yabugenewe yihariye.
iv. Serivisi zikenera ubufasha buturuka ku ituro ryo ku cyumweru zigiye gusubirwamo ku buryo abayobozi bazo bazabimenyeshwa ku buryo bwihariye mu gihe gikwiye.
v. Ibaruwa ya gitumwa y'Abepiskopi idutegurira kwinjira muri Yubile z'impurirane izasomwa mu mwanya w'inyigisho yo kuzirikana Ijambo ry'Imana naho ubutumwa bw'amahoro mu karere k'Ibiyaga bigali buzasomwe mu mwanya usanzwe ugenewe amatangazo.
vi. Inteko rusange yemeje ibikorwa byo gutegura Yubile ndetse bananoza isengesho rizajya rivugwa muri iyi myiteguro n'imihimbazo ya Yubile. Yakiriye amagambo y'indirimbo ya Yubile inungurana ibitekerezo ku kirango cyayo.

Imirimo y'Inteko rusange yasojwe na none n'isengesho, ku wa gatandatu tariki ya 2 ukuboza 2023, saa saba na makumyabiri n'itanu (13h25), Abepiskopi n'Abiyeguririyimana bifurizanya Adventi ntagatifu, Noheli nziza n' umwaka mushya muhire w'2024.

Bikorewe i Kigali, ku wa 2 Ukuboza 2023

**Padiri Maritini NIZIGIYIMANA**
Umunyamabanga Mukuru
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda

CONFERENCE EPISCOPALE DU RWANDA
CEPR
B.P. 357 Kigali Rwanda
* PRESIDENT *

**✠ Antoni Karidinali KAMBANDA**
Arikiyepiskopi wa Kigali akaba na Perezida
w'Inama y'Abepiskopi Gatolika mu Rwanda